

Bibiliya y'abana irerekana



Imana
igerageza
urukundo rwa
Aburahamu



yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus
Alastair P.

yahujwe na: M. Maillot; Tammy S.

yahinduwe na: Yohani Batisita B.

yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

©2020 Bible for Children, Inc.

Umite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi
nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.





Ijoro
rimwe Imana
iha Aburahamu
itegeko
ritangaje.



Kwari
ukugergeza
Aburahamu niba
akunda umwana we
Isaka kurusha Imana.



"Fata umwana wawe
umutangeho
igitambo"
Imana niyo
itegetse.
Gutanga Isaka?



Gutanga umwana
we ho igitambo?
biragoye kuri
Aburahamu.
Akunda
umuhungu we
cyane.



Ariko aburahamu
yari yarigishijwe
kwizera Imana,
n'igihe adasobanukiwe.



Mu gitondo ajya
ku musozi kosa
igitambo we na Isaka
n'abakozi babiri.



Mbere yo kugenda, Aburahamu yasa
inkwi zo kosa igitambo.

Aburahamu
yagambiriye
kubaha Imana.






Nyuma y'iminsi
itatu bagera
k'umusozi.

"Mugume
aha".





Aburahamu
abibwira abagaragu
be. Tugiye gusenga
Imana

turabasanga
aha.




Isaka yikorera
inkwi Aburahamu
ajyana umuriro
n'umushyo.



"Umwana w'Intama
w'igitambo cyoswa
urihe"? Isaka
arabaza.





Imana
ubwayo iratanga
umwana w'intama.
Aburahamu arasubiza.

Bombi bagiye aho
Imana yateguye.



Aburahamu yubakayo
igicaniro nyuma
yararikaho inkwi zo
gutwika igitambo
imbere y'Imana.



Aburahamu yari
yarubatse ibicaniro
byinshi. Ariko iki
cyo cyari gikomeye
kubaka.




Aburahamu yahambiriye
Isaka umwana we
akunda amurambika
ku gicaniro.



Aburahamu yubashye
Imana ye yemera
gutanga umwana we
w'ikinege akunda ho
igitambo?





Umushyo
we wari
utyaye
awurebesha hejuru.
Umutima we waba
wari uhagaze ariko
yari azi ko agomba
kubaha Imana.






"Rekeraho!"
bivugwa n'
umumarayika
w'Uwiteka.
"Ubu
menye ko
utinya
Imana.



Ntabwo
wanze
umwana
wawe
w'ikinege
ariwe
wanjye."



Abona imfizi y'intama
mu gihuru, ...



... aburahamu ahambura
Isaka atanga imfizi
y'intama mu
mwanya we.



Isaka ashobora kuba
yaraterekerezaga ati:
"Imana niyo iyitanze
nk'uko data
yabivuze."



Mu gihe umwana na
se baramyaga Imana,
umumarayika w'Imana
abwira Aburahamu.



"Mu rubyaro rwawe amahanga yose
azabonera umugisha muri wowe
kubera ko wanyumviye."
Yesu azavuka m'urubyaro
rw' Aburahamu.



Aburahamu na Isaka batashye
iwabo. Nyuma y'igihe kirekire,
habaye agahinda.



Sara yarapfuye. Aburahamu
yapfishije umugore na Isaka
apfusha nyina.



Amaze guham-
bwa, Aburahamu
yohereza umukuru
w'abagaragu be gushakira Isaka
umugore.



Umugaragu
asubira mu gihugu
cyabo cya kera gushaka ...



... mo umugore
mu ba hafi
y'umuryango wa Aburahamu.



Umugaragu yasabye Imana
ikimenyetso. Umuntu ugaburira
ingamiya zanje amazi yokunywa
azabere Isaka umugore mwiza.



Rebeka ahita yuhira izo ngamiya n' amazi yo kunywa. umugaragu yahise yumva ko Imana yamuhaye igisubizo.



Rebeka yavuye mu muryango we
ashakana na Isaka.



Yamufashe neza nyuma y'urupfu
rwa nyina.



Imana igerageza urukundo rwa
Aburahamu

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

itangiriro 22-24

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana
umucyo." Zaburi 119:130





Iherezo



Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu
nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita
icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko
Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje
umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku
musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro
byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu
rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi
ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe,
azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi
uzabana nawe ubuzira herezo.



Niba ushaka kuva mu
byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanje Mana, Nizera ko Yesu
ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari
muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima
bwanjye, mbabarira ibyaha byanje, kugira
ngo none aha mbashe kubona ubuzima
bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana
nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira
no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe.

Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana
buri munsi! Yohani 3:16

